DISCOVER

ITS BEAUTY

Igice 1

# AGATONYANGA MU NYANJA

DR. NAJI IBRAHIM



- Idushishikariza kugira imigambi n'intekerezo nziza ku bandi, no kwifuriza abandi ibyiza.
- Itwigisha kubabarira no kwifuriza bagenzi bacu icyo twiyifuriza.
- Idusaba kumwenyura no guhorana uburanga bukeye buzira kuzinga umunya.
- Ituyobora uko dukwiye gufata bagenzi bacu mu buryo buhesha agaciro ikiremwa muntu.
- Idutegeka kwitwara neza muri bagenzi bacu.
- Itwigisha kubanira neza inyamaswa, inyoni, n'ibidukikije muri rusange.
- Idutegeka kubaha no kwita ku babyeyi bacu, abasheshe akanguhe, no kubanira neza abo twashakanye, abadukomokaho ndetse n'aba hafi mu muryango.

**Ese waba ugize amatsiko yo kumenya iyo ari yo? Reka ngire ibindi nyigusangizaho.**

- Idushishikariza gufasha, kugaburira, kunganira ab'intege nke, abakene, abatindi n'abamugaye.
- Idutoza kugira ubuntu n'ubumuntu, ndetse no kugira umutima ufasha abandi.
- Idusaba kuba abantu beza kuri bagenzi bacu tugira uruhare mu cyagirira abantu akamaro nk'imirimo y'ubukorerabushake, imiganda, kubungabunga ibikorwaremezo no kubuza abandi kubyangiza.
- Inatwigisha ko umwiza mu bantu ari ubagirira akamaro.
- Ikanashimangira ko uwubahitse mu bantu ari urangwa n'ibikorwa ndetse n'imvugo byiza ku bandi.
- Ishimangira kandi ko uwubahitse ari uwabanje kweza umutima we, akawurinda urwango, ubugome, ubwibone n'agasuzuguro.
- Idusaba kugira ubutabera ku bandi, gushyira mu gaciro no gufata ibyemezo bidashingiye ku marangamutima yacu ahubwo tukagendera ku kuri kw'ibigaragara.



**Mbere y'uko nkumara amatsiko nyemerera nkwibutse ko kandi………….**

- Itwigisha ko abantu bose bareshya tutitaye ku bwoko, ibara ry'uruhu cyangwa ubwenegihugu.
- Itubuza ivangura uko ryaba risa kose, ryaba irishingiye ku byiciro by'ubukungu, ubwoko, irondakarere n'ibindi….
- Idutegeka guharanira no kubungabunga icyazana amahoro n'umutekano ku isi twirinda ibyawuhungabanya.
- Iziririza ubugambanyi, kwica inzirakarengane, uburiganya no kutubahiriza amasezerano tugirana hagati yacu.
- Idutegeka kwirinda urwango kuri bagenzi bacu.
- Idutegeka kwirinda icyabangamira bagenzi bacu nko gusebanya, gukwiza impuha, kunnyega no gusuzugura abandi.
- Itubuza uburiganya uko bwaba busa kose, ubutekamutwe, kubeshyera bagenzi bacu cyangwa kubatekerereza nabi.
- Ituyobora ku kuba abanyakuri, abatabera, abizerwa, abagira ubuntu ndetse n'ubumuntu.
- Idutegeka kubungabunga umubano mwiza n'Umuremyi (dukora ibyo yadutegetse, tunagendera kure ibyo yatubujije), kwikunda (ntitwigirire nabi ntitwiyahure) n'umubano mwiza hagati yacu n'abandi muri rusange.

***Ibi bizatuganisha ku byishimo, amahoro mu mitima, biduhe kubaho neza ndetse binatubere intsinzi iruta izindi hano ku isi na nyuma y'ubu buzima.***

Noneho, reka nkubwire icyo navugaga icyo aricyo.….



Umusigiti Mutagatifu, i Makkah muri Arabiya Sawudite

# Ni Isilamu!

**Niba intekerezo zacu zitarabohoka ngo zaguke, ntizizigera zimenya ubwiza n'ukuri bya Isilamu!**

Ahari bamwe mu bazasoma aka gatabo hari ibyo basanzwe bazi kuri Isilamu bidafite aho bihuriye n'ukuri…
Wenda hari n'abazi Isilamu mu buryo bayeretswe ndetse bakayisobanurirwa uko itari n'ibitangazamakuru, n'imbuga nkoranyambaga, ahanini iyo havugwa ku iterabwoba rihuzwa neza na Isilamu nyamara nta mahuriro.
Hari n'abandi wenda basomye banumva kuri Isilamu babikuye ku isoko itizewe no ku bayifiteho ubumenyi bucagase…
Ariko uko biri kose, niba ufite ubushake bwo kugira ibyo umenya kandi bifite ishingiro kuri Isilamu, ndaguhamagarira gusoma aka gatabo ufite intego yo gusobanukirwa. Aka ni kamwe mu dutabo tugize uruhererekane rwitwa ***"Menya ubwiza bwayo mu minota 7!"*** kagaragaza ubwiza n'ubworohe bwa Isilamu, kanagusangiza byinshi muri ibi bikurikira:

- **Iremwa ry'isi n'Ijuru.**
- **Uko twaremwe.**
- **Ubuzima bwa roho.**
- **Ibisobanuro nyabyo by'Imana.**
- **Ibisobanuro nyabyo byo Kugaragira Imana.**
- **Impamvu nyamukuru umuntu yaremwe (Impamvu y'ubuzima).**
- **Uburyo butanga ibyishimo n'umunezero.**
- **N'iherezo rya muntu nyuma y'ubu buzima.**



Umusigiti w'Intumwa y'Imana, i Madina muri Arabiya Sawudite

# Isilamu Isubiza Ibibazo Bitandukanye Nk'ibi Bikurikira:

- Ukuri nyako ni ukuhe?
- Ni nde waturemye?
- Ni nde mana yacu nyakuri?
- Ni nde muhanuzi wa nyuma Imana yatumye?
- Ni nde ukwiye gusengwa
- Turi bande?
- Kuki turiho?
- Iyo dupfuye bigenda bite?
- Ubuzima buzakurikira ubw'isi buzaba bumeze bute?
- Ese turagana he? Mu ijuru cyangwa mu muriro?
- Ni gute twagera ku byishimo, amahoro yo mu mutima, ndetse n'intsinzi biruta ibindi?
- Ni gute twagera ku buzima bw'umunezero w'ubuziraherezo?





Umusigiti wo mu mujyi rwagati i Londoni mu Bwongereza

# Menya Ukuri Kuri Isilamu!

Uko urushaho gusoma no kwiga kuri Isilamu wifashishije ibitabo n'amakuru byizewe, ni ko urushaho kugenda uvumbura ko Isilamu ari ryo dini ry'ukuri twarazwe na Adamu na Eva n'ababakomokaho kugeza ku munsi w'imperuka. Idini rya Isilamu riroroshye kuryumva, rinyuze ubwenge, rirasobanutse, kandi rirumvikana.

Ubwiza bwa Isilamu ntiburondoreka kuko yaturutse k'Utagira intangiriro ntagire n'iherezo (Allah), Umuremyi.

Imana imwe y'ukuri, Allah mu gitabo cye cya Qur'an ntagatifu kizira amakemwa:

> **"Uyu munsi mbuzurije idini ryanyu, kandi mbasendere-jemo inema zanjye, nanabahitiyemo ko Isilamu iba idini ryanyu."** (Qur'an 5:3)

Iyo Mana imwe rukumbi (Allah) ni yo itubwira ko Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ari we muhererezi mu ntumwa n'abahanuzi. Yoherejwe ku bantu bose (abayahudi, abakirisitu, Abayisilamu, Aba Hindu, Aba Budhi, Abatemera Imana (Atheists), n'abandi…)

Allah yatanze umuyoboro n'urumuri ku bantu bose. Yaduhishuriye amabanga y'ibyatugeza ku ituze, no kunezezwa na bicye ufite, hamwe n'amahoro y'umutima n'ayo ku isi yose.

Isilamu yigisha ubutabera, gushyira mu gaciro, kwanga umugayo, kudakurikira buhumyi, gushingira ku bifatika igihe dushaka ukuri.



Umusigiti witiriwe Sultan Ahmet, Istanbul muri Turukiya

# Imvugo n'amazina by'ibanze bikoreshwa muri Isilamu

**Allah:** Mu cyarabu, Allah ni izina bwite ry'Imana y'ukuri imwe rukumbi, Umuremyi. Isilamu yigisha ko Allah ari Imana y'ukuri ku bantu bose. Abayahudi n'abakirisitu b'abarabu bakoresha iri zina (Allah) iyo bashaka kuvuga Imana, ni naryo jambo rikoreshwa havugwa Imana muri bibiriya zanditse mu cyarabu.

**Muhamadi (Amahoro n'imigisha by'Imana bibe kuri we):** ni we ntumwa ya nyuma y'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah); yoherejwe ku bantu bose.

**Qur'an ntagatifu:** Ni ryo jambo rya nyuma ry'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), nk'uko byahishuwe n'Intumwa y'Imana Muhamadi.

**Isilamu:** Kwicisha bugufi munsi y'ubushake bw'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), Umuremyi.

**Umuyisilamu:** Uwicisha bugufi munsi y'ubushake bw'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), Umuremyi.

**Umusigiti (Masjid):** Ni aho abayisilamu basengera hatagatifu kandi hasukuye, ndetse bakanahasingiriza Allah.




Allah mu rurimi rw'icyarabu



Umuyisilamu uri kugaragira Allah



Qur'an Ntagatifu




Izina Muhamadi mu rurimi rw'icyarabu

# Waba ufite amatsiko?

Niba ufite amatsiko ukaba unanyotewe no kumenya byinshi kuri Isilamu mu buryo burambuye, gerageza usure izi mbuga zacu zikurikira:

**www.discoveritsbeauty.com**

Ntutinye no kutwandikira utubaza cyangwa uduha ibitekerezo byawe kuri imeyili (e-mail):

**info@discoveritsbeauty.com**

## IMBUGA ZA MURANDASI ZA ISLAM ZAGUFASHA:

http://www.allahsquran.com
http://www.quranexplorer.com
http://www.islamhouse.com
http://www.edialogue.org
http://www.islamreligion.com
http://www.newmuslimguide.com

## URUHEREREKANE RW'UDUTABO TWA VUMBURA UBWIZA BWABWO MU MINOTA 7:

1. **Agatonyanga mu nyanja**
2. **Idini rya Adamu na Eva**
3. **Byinshi kuri Islam**
4. **Gusubiza ibibazo by'ingenzi umuntu yibaza**
5. **Amazina ye (Allah) meza**
6. **Ubuhanuzi bwa nyuma**
7. **Intumwa ya nyuma**

«Ndahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah».

Mu cyarabu basoma ngo:

أشهد أن لا إله إلا الله وأشهد أن محمدا رسول الله

Ari byo bivuga ngo:

**ACH-HADOU ALLA ILAHA ILLA ALLAH WA ACH-HADOU ANNA MOHAMADANE RASSOULOULLAH.**

Ubu ni ubuhamya bw’ukwemera umuntu aba agomba kuvuga kugira ngo abe Umuyisilamu; bubumbiye hamwe ukuri, ubwiza n’ukoroha kwa Isilamu.





DISCOVER
ITS BEAUTY
WWW.DISCOVERITSBEAUTY.COM
Scan it!

ISLAM HOUSE .com

مركز أصول
Osoul Center
www.osoulcenter.com

CIVILIZATIONAL COMMUNICATION FOUNDATION
مؤسسة التواصل الحضاري

GLOBAL ACADEMY FOR TRANSLATION AND EDUCATION (GATE)
LONDON | THE UNITED KINGDOM